REPUBULIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA KANAMA 2017

10 Nzeli 2017

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA KANAMA 2017

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Kanama 2017. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 3,2% mu kwezi gushize kwa Kanama 2017 ugereranyije na Kanama 2016. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa karindwi (Nyakanga 2017) ryari ku kigereranyo kingana na 3,5%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 3,2% mu kwezi kwa Kanama ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 6,9%.

Iyo ugereranyije Kanama  2017 na Kanama 2016, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 3,2%.

Wagereranya ukwezi kwa munani (Kanama 2017) n'ukwezi kwa karindwi (Nyakanga 2017) ibiciro byazamutseho 0.2%. Iri zamuka rikaba ryaratewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 1,0% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 0,4%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize kwa Kanama 2017 ibiciro mu byaro byiyongereyeho 9,4% ugereranyije na Kanama 2016. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa karindwi (Nyakanga 2017) ryari ku kigereranyo kingana na 10,5%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 9,4% mu kwezi kwa Kanama ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 11,4% n'ibiciro by'ibijyanye n'uburezi byazamutseho 51,5%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa munani (Kanama 2017) n'ukwezi kwa karindwi (Nyakanga 2017) ibiciro byiyongereyeho 0,9%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 1,8%.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize kwa Kanama 2017 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 7,2% ugereranyije na Kanama 2016. Twakwibutsa ko ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa karindwi (Nyakanga 2017) byiyongereyeho 8,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 7,2% mu kwezi kwa munani 2017 ni ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 10,5%, ibiciro by’amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n’ibindi bicanwa byazamutseho 2,1% n’ibiciro by’ibijyanye n’uburezi byazamutseho 23,4%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa munani (Kanama 2017) n’ukwezi kwa karindwi (Nyakanga 2017) ibiciro byiyongereyeho 0,6%. Iri zamuka ahanini ryatewe n’izamuka ry’ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 1,5%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y’ihindagurika ry’ibiciro mu Rwanda kuva muri Kanama 2016 kugeza muri Kanama 2017.**

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva Kanama 2016 kugeza Kanama 2017**

*ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije*

| | 2016 | | | | | 2017 | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **08** | **09** | **10** | **11** | **12** | **01** | **02** | **03** | **04** | **05** | **06** | **07** | **08** |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 6,4 | 5,8 | 7,4 | 6,4 | 7,3 | 7,4 | 8,1 | 7,7 | 7,3 | 6,5 | 4,8 | 3,5 | 3,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 8,1 | 8,3 | 10,0 | 10,6 | 13,0 | 14,5 | 16,2 | 15,7 | 15,9 | 14,5 | 11,8 | 10,5 | 9,4 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 7,5 | 7,4 | 9,1 | 9,1 | 11,0 | 12,0 | 13,4 | 13,0 | 12,9 | 11,7 | 9,4 | 8,1 | 7,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 0,5 | 0,5 | 1,4 | 0,1 | 0,3 | -0,4 | 1,1 | 0,6 | 0,4 | -0,2 | -0,8 | -0,1 | 0,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 1,9 | 2,3 | 4,0 | 0,7 | -0,5 | -0,3 | 2,3 | 1,5 | 0,7 | -1,4 | -1,2 | 0,1 | 0,9 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 1,4 | 1,7 | 3,1 | 0,5 | -0,2 | -0,3 | 1,9 | 1,2 | 0,6 | -1,0 | -1,0 | 0,0 | 0,6 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

National Institute of Statistics of Rwanda (NISR),
P.O. BOX 6139 Kigali,
Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.
Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Publication Directors:
MURANGWA Yusuf, Director General, NISR; yusuf.murangwa@statistics.gov.rw,
MURENZI Ivan, Deputy Director General; ivan.murenzi@statistics.gov.rw,

MANZI Sébastien, Director of Economic Statistics Department, NISR;
sebastien.manzi@statistics.gov.rw,

MUTETIJABIRO Lucie, Price Statistics Research Statistician Team Leader, NISR;
lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw